**MUTABAZI KABARIRA MAURICE**
INTARA Y'AMAJYARUGURU/GICUMBI
EMAIL: apostlemutabazi@gmail.com
PHONE NUMBER: (+250) 788309513

Letter No: **MK/RL/003**

Gicumbi, kuwa 23 Gicuransi 2022

**SEN. DR. AUGUSTIN IYAMUREMYE**
Perezida W'inteko Ishinga Amategeko
UMUTWE WA SENA

**HON. DONATILE MUKABALISA**
Perezida W'inteko Ishinga Amategeko
UMUTWE W'ABADEPITE

***Impamvu:*** Gusaba kwiga ku umushinga w'itegeko ryo kunyaga uwariye ruswa n'uwanyereje umutungo w'igihugu nk'uko byahoze mu muco wa Kinyarwanda ku mutware wabaga yagomeye ingoma.

Nyakubahwa Muyobozi, jye ubandikiye ndi umunyarwanda ukunda igihugu cye kandi ushima ibyagezweho n'ubuyobozi twitoreye, burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, PAUL KAGAME. Kandi sinjye njyenyine umushima n'abandi banyarwanda *kugeza ku muturage wo hasi,* bose baramushima. Ibyo bituma nta mususu ngira wo kubagezaho ubusabe bwanjye nk'Umunyarwanda nanone nk'umushakashatsi ukunda igihugu kandi uvuga ibyo azi nta kurya indimi bityo akavuguta umuti n'aho waba umwe usharira (ITEGEKO RYO KUNYAGA) ngo nimumara gusuzuma ubuziranenge bwawo, muwemeze, abavuzi—abagenzacyaha, abashinjacyaha n'abacamanza n'abatasi bose—bajye bawandikira umurwayi mpaka iyi kanseri yo kwigwizaho imitungo ku bayobozi batindahaza umuturage wo hasi ishiririye. Impamvu ari mwe nandikiye ni uko ari mwe ntumwa za rubanda, ruswa ntiyacika abayirya amategeko ayihana barayakenetse.

Nyakubahwa Muyobozi, mu mwaka wa 2019 nakoze ubushakashatsi ku cyarandura (ERADICATE) umuco mubi wo kwigwizaho imitungo no kurya ruswa byose biganisha ku kwiba igihugu no kunyunyuza umuturage wo hasi wabahaye inshingano zo kumuvugira, kumuvuganira no kureberera inyungu ze, nza no kugira umugisha nkisobanura kuri RTV nsobanura uburyo ruswa imunga ubukungu bw' igihugu ikamugaza ubwonko bw'abajyambere, ngaragaza icyakorwa harimo no kwigisha no *gushyiraho ibihembo bishimishije* k'uwatanze amakuru, n'icyakorwa mu rwego rw'amategeko. Muri iyi minsi nongeye gusubukura urwo rugamba cyane yuko mu mboni yanjye si nanjye uruyoboye ahubwo urugamba rwo kurwanya Ruswa ruyobowe na HE PAUL KAGAME.

2017 umugenzuzi mukuru w'Imari (Auditor General) yagaragarije inteko raporo ivuga yuko MIRIYARI CUMI N'EBYIRI NA MIRIYONI MAGANA ABIRI Y'AMAFARANGA Y'URWANDA, kandi y'abanyarwanda, *Obadiah* abwira inteko inkuru y'incamugongo ku muturage wayitoye akayituma ngo imubere aho atari, arayibwira ngo "Miriyari 906 yacunzwe nabi na miriyari 12.2 ntagaragarizwa impapuro z'aho yarigitiye." Nyakubahwa kandi ubwo uwo ni umwaka umwe hatabazwe ayarigishijwe na ba "KORAMONTABURE" bandika rimwe bakabika zero kandi mu mpapuro ntuzarabukwe. Ubushakashatsi buvuga yuko Afurika kuva 1980 kugeza 2020 yakiriye inkunga ingana n'akayabo ka 2.2trillions z'amadorali ya Amerika nyamara natangajwe n'uko arenga 50% ariyo 1.3trillions y'amadorali ya Amerika yacunzwe nabi nko kuvuga yuko amenshi yabikijwe mu busuwisi boshye twabuze icyo tuyakoza. Ubwo Auditor General yagaragazaga ayacunzwe nabi n'ayaburiwe irengero, inteko yashyizeho amategeko yise "AKARISHYE" azarandura kunyereza na ruswa—nubwo ntazi niba yari ikomeje koko.

Naje gutungurwa n'uko umuturage wo hasi yakomeje kuhahombera ndetse uko umwaka utashye miriyari zidafite impapuro zigaragaza uko yakoreshejwe ntizigabanyuke, imishinga ikomeza kudindira indi ikarengerwa n'ibyatsi kandi yaratwaye amamiriyari. Byanteye muri njye kwibaza niba ibihugu biteye imbere byarakoresheje amategeko nk'ayo twe twashyizeho mu kurwanya ruswa no kunyereza umutungo wa Leta ubwo byari mu rugamba rwo kubaka iterambere tubibonana uyu munsi. Nyakubahwa, umusaruro amategeko akarishye mwatoye watanze munyemerere mvuge ko atari akarishye bihagije byagamburuza *izo nyangarwanda.*

Mu bushakashatsi nakoze nanyarukiye CHINA AND SINGAPORE, simvuze yuko natwe twajya dutanga igihano cy'urupfu ku wariye ruswa nubwo ari cyo kimukwiriye nk'umugambanyi wese, ahubwo nahuje imitekerereze y'urya ruswa n'impamvu ubushinwa bwahisemo urupfu mu rwego rwo guca burundu ingeso yo kurya ruswa, mbihuza n'umuco w'u Rwanda twese tuzi wo "KUNYAGA." Nyakubahwa Muyobozi, mu Rwanda hari byinshi twavomye mu muco kandi bitanga ibisubizo birambye nubwo byari byabanje kutavugwaho rumwe n'amahanga adasiba kutwifatira ku gahanga mu budasa bwacu—GACACA n'izindi gahunda zashyizweho tuzivomye mu muco gakondo w'u Rwanda kuko *agahugu katagira umuco karacika.* Nyamara nubwo tubona mu Rwanda igisa n'umuco wo kugabirwa n'abaturage binyuze muri Perezida bitoreye, umuntu agahabwa umwanya w'ubuyobozi umuhemba akayabo kadahembwa undi munyarwanda kandi bose baravukiye icyenda. Byari bikwiye ko igihe uwagabiwe agomeye ingoma, agatindahaza umuturage wamugabiye, birakwiye yuko anyagwa ibyo atunze byose. Nubwo tutasubizaho igihano cy'urupfu, burya nta n'urupfu rurenze kwambarira ibicocero aho wambariye inkindi. Munyihanganire, si uko ntagira umutima ariko ndi umushakashatsi kandi ubushakashatsi ntibuvangwamo n'amarangamutima, bugaragaza icyakorwa n'uburyo cyatanga ibisubizo birambye, nta yandi mahitamo dusigaranye niba dushaka guca burundu umuco mubi wo kurya ruswa no kunyereza umutungo w'igihugu mu bayobozi batanyurwa. Kugaba no kunyaga biri mu bigize umuco twirengagije tubonye isha ya za Demokarasi za ba rutuku itamba, duta n'urwo twari twambaye, umuco wo kunyaga uzimye umuyobozi udafite indangagaciro zihamye, uwo yari ashyizwe igorora, si ukutwiba n'*uwujuje miriyari akigamba.* Hari ubushakashatsi nakoze ku buryo South Korea yazamuwe yaranganyaga GDP na Ghana muri 1960 yazamuwe n'amasosiyete yiswe "Chaebols" nka SAMSUNG n'izindi, ayo mafranga azajya anyagwa ba bihemu azajya ahabwa abacuruzi batazayishyura bakore ubucuruzi bwa bundi bwinjiza amadevize "KNOWLEDGE-BASED EXPORT-ORIENTED FACTORIES."

Nyakubahwa, nimudutorera itegeko rivuga **"Abanyarwanda bijyanye n'umuco wacu wo kugaba no kunyaga, twemeranyijwe ko uzarya ruswa cyangwa akanyereza umutungo wa rubanda azahanishwa kunyagwa agasigarana imyenda yambaye gusa, kandi ntiyemerewe guhabwa impano iyo ari yo yose keretse imfashanyo zigenerwa abari mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe."** Umuyobozi w'umugabo azajya ajya kuva mu rugo umugore amwihanangirize ati "Wirinde gukora ibyadusubiza ku isuka, ayo uhembwa araduhagije" twibukiranye ko umugabo atakwiba abaturage amamiriyari ngo umugore we atabimenya, dukore ku buryo umugore cyangwa umugabo w'uwakatwibye ari we udufasha ubukangurambaga bushyira imbere ingaruka zaba ku muryango wabo kuko ku rundi ruhande Leta nayo izaba yaberetse akaga bateza igihugu binyuze muri uwo muco wo kurya Ruswa. Dushyizeho ikigo cy'ibanga gikorwamo n'abahanga muri *financial transactions monitoring* batojwe ubutasi no gushaka amakuru mu mu *ihererekanyamafaranga* buri munsi, abagikoramo *bagasesengura buri rumiya* rwinjiye mu buzima bw'umukozi wese wakoze kuri wa mushinga wadindiye kandi icyo adafitiye ubusobanuro akakiburana mu rukiko. Ndetse umuntu wese bafitanye isano hagakurikiranwa uko yinjije amafaranga ubwo uwo mushinga wadindiraga. **"ZERO TOLERANCE"** ni imvugo nziza itagira icyo imarira umuturage wo hasi mu gihe n'uwafashwe adashobora kunyagwa. Niba dushaka kubakira ubukungu bwacu kuri **"KNOWLEDGE-BASED EXPORT-ORIENTED ECONOMY"** tugomba kumenya ko ruswa idukuramo umutima wo guhangana, ubushakashatsi no guhanga udushya, Ruswa iduhindura abanebwe, ugiye kwiga akiga atagamije kugera ku buhanga bushoboka kuko azi yuko ubuhanga ntacyo bumaze imbere ya ruswa n'icyenewabo hanze ku isoko ry'umurimo.

Ikindi ni ukwigisha uyu muturage wo hasi yuko amafaranga yibwa ari ayo we nk'umuturage yavunikiye akayatangaho umusoro, bityo agomba gutanga amakuru y'uwo abonye yuko ari kurya ruswa, ariko agahabwa igihembo kitari munsi ya Miriyoni mu gihe byemejwe ko amakuru yatanze yari ay'ukuri, urukiko rukamuhamya kurya ruswa. Amafaranga n'ubundi azavanwa mu byamunyazwe, bityo uzajya kurira ruswa muri hotel abayikoramo nibo ba mbere bazatangira amakuru ku gihe, ariko twashyiraho uburyo bwo gutangira amakuru mu ibanga ritamenwa kugira ngo utanga amakuru atagira ubwoba bwo kuyatanga kuko hari abatanze amakuru *bagatakaza akazi* bikozwe n'inshuti z'uwatangiwe amakuru. Nyakubahwa, ibindi mwabisanga mu gitabo "HEALING GREED CANCER: *Saved With Fear Out Of Fire.*" 2019 nibwo cyasohotse. *Udasenyesheje umuriro ikigonyi ruswa yugamyemo yororoka nka ya matungo.*

Nyakubahwa muyobozi, ko amategeko atorwa n'intumwa za rubanda kandi rubanda ikaba yifuza yuko "KUNYAGA" bishyirwa mu mategeko, haba hari mbogamizi ki zituma ridatorwa cyangwa se ngo higwe umushinga waryo? Niba miriyari yakubaka ibitaro akanyerererezwa ku makonti atanaba mu gihugu, uwayibye twamutandukanyiriza hehe n'uwasanze ibyo bitaro byaramaze kuzura akabisenya? HE PAUL KAGAME yatubwiye yuko uwaza gusenya KIGALI CONVENTION CENTER yamuhagarikana imbaraga zishoboka zose, ndumva uyisenya n'uwiba ibyayubaka hagashyizwemo imbaraga zingana mu kumuhagarika? Uwiba igihugu azi yuko afunzwe abana be baziga *amashuri ahenze,* bakarya neza kandi yazagaruka akajijisha imyaka itanu agatangirira ku gishoro gito yitiriye Banki akageza miriyari atarakora n'imyaka itatu. Nyakubahwa muyobozi dukore ku buryo bashyirwa ku murongo n'imiryango yabo ubwayo.

Nyakubahwa muyobozi, kurandura burundu ruswa bisaba ibintu bitatu, ari byo: Amategeko yo kunyaga akarishye (50%), Ubutasi-rukurikirifaranga budasobwa (40%), kumenya ububi bwa ruswa (10%). *Kwigisha abanyarwanda* ububi bwa ruswa bigira uruhare rwa 10% mu gihe ruswa isanzwe iribwa, uwariye ruswa ya za miriyari ubukangurambaga ntibwayimucaho no mu ivanjili ntibamwihanisha ngo abireke. Bibiliya iravuga iti "Bene uwo agomba gukirishwa ubwoba nk'uhubujwe mu muriro," amategeko akarishye niwo muriro, ubutasi bukarishye niyo soko y'ubwoba, ibindi muri uru Rwanda rwa Gasabo byarageragejwe ariko ntibyatanga ibisubizo birambye ku muturage wo hasi. Nyakubahwa muyobozi, mu nyungu z'umuturage wo hasi, ndabinginze *mubinyuze mu nzira indi mishinga y'amategeko* inyuramo ngo yemezwe, muzaba mukoze *amateka atazibagirana* mu Rwanda kandi amahanga azajya aza kutwigiraho uko rwuswa irandurwa. Nyakubahwa muyobozi, abarya ruswa bakananyereza imitungo ya rubanda bibwira ko turi abanyantegenke batazigera batora amategeko nk'ayo akarishye yo kubanyaga. Reka tubereke ko batwibeshyeho, aho kugira ubwoba bwo kubahana bo bagire ubwoba bw'ibihano. Ntitubagirire imbabazi nabo ntibagiriye imbabazi umuturage wo hasi.

Nyakubahwa Muyobozi, nsoza, mu gihe *ngitegereje igisubizo cyanyu* nizera ko kizangeraho **bitarenze iminsi 30** munyemerere mu mwanya muto mutekereze uko byagenda mutoye iryo tegeko, hari umuyobozi wakongera se kurya ruswa? Niba byayirandura burundu nimutekereze ku cyo ruswa ihombya umuturage wo hasi, mu nyungu ze mwige umushinga w'iri tegeko ryo kunyaga. Uwiba ahetse aba ari kubwiriza uwo mu mugongo, none abana b'uwatwibye miriyari bahawe inshingano mubona *mu gihe cyabo umuturage batazamugurisha mu cyamunara n'igihugu batagisize?* Ibi ndabivuga kuko numva impumeko y'umuturage wo hasi, iteka yibaza impamvu ruswa idacika, kandi nanjye birangora kubyiyumvisha, kuko niba China cyangwa Singapore yaca ruswa natwe ni uko *twayirandurana n'imizi yayo yose* kandi niteguye gutanga umusanzu wanjye ntahembwa.

**MUTABAZI KABARIRA MAURICE**
*Umushakashatsi ku buyobozi n'imiyoborere*

***Bimenyeshejwe:***
◇ IBIRO BY'UMUKURU W'IGIHUGU
◇ IBIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE